City of Dayton Department of Water

Service Line Compliance Program

# Mukiriya mwiza,

Kubera ingaruka z'ubuzima ziterwa n'amatiyo y'amazi akozwe muri lead, Ikigo gishinzwe kurengera ibidukikije (EPA) giherutse gusaba ko imiyoboro y'amazi muri Leta zunze ubumwe z'Amerika yagenzurwa a kuva ku muyoboro rusange w'amazi kugeza mu rugo rwa buri mukiriya cyangwa ubucuruzi.

***Amazi ya Dayton ntabwo arimo lead kandi iri tangazo ntabwo bivuze ko imiyoboro yawe ikozwe muri lead. Ubushakashatsi turimo dukora kuri Gahunda yacu yo Kubahiriza Serivisi izadufasha kubona ubwoko bw'amatiyo akoreshwa ku mutungo bwite mu gace kacu tugezamo serivisi.***

**Kugirango ibi bikorwe, tuzakenera gukora ubushakashatsi buto kandi bworoshye kugirango tumenye imiyoboro yawe y'amazi.**

Uyu mushinga w'ingenzi usaba uruhushya rwawe kugirango umukozi wacu acukure akanogo gato ku mutungo wawe akenshi ni sentimetero eshanu uvuye kuri konteri y'amazi ndetse n'akandi muri ubwo buryo. Bazakoresha uburyo butagaragara cyane, bwitwa gucukura ukoresheje akuma kabugenewe, kugirango bamenye amatiyo by'amazi yawe. Izeza ko bazongera bagatunganya aho bacukuye bakahasubiza uko hari hameze.

Igiherekeza iyi baruwa ni Uburenganzira bwo kwinjira (ROE) nyir'umutungo asinya kugirango atange uburenganzira ku mutungo yawe. Iyi fishi ishobora gusinywa no kutugarukira ukoresheje ibahasha isubiza yashyizwemo. Kandi nanone, ifishi ya ROE ishobora gusinywa kandi igasikanwa cyangwa gufotorwa hanyuma ikoherezwa nk'umugereka wa imeli kuri **SLCP@daytonohio.gov**. Niba wohereje imeli, nyamuneka shyiramo "SLCP - Ifishi ya ROE" ku murongo w'ikivugwa.

Umaze kwemera kwitabira, umukozi ntazashyira ibyapa imbere y'umutungo wawe hanyuma azasiga agapapuro ku rugi rw'umuryango kugirango akubwire itariki iteganijwe yo gukora ubushakashatsi ku mutungo wawe. Niba utari mu rugo kugirango hakorwe igenzura ku mutungo, bazasiga agapapuro ku rugi kerekana ko igikorwa cyarangiye ndetse no kumenyekanisha ubwoko bw'amatiyo y'umurongo bwagaragaye hamwe n'igikorwa gikurikira.

Mu gihe twizera ko ingaruka z'iki gikorwa zizaba nto, uruhare rwawe ni ikintu gikomeye muri gahunda yacu yo gutunganya imiyoboro. EPA yashyizeho amabwiriza agenga ibikorwa remezo rusange bifasha abaturage mu gihugu cyose no gukora ibikorwa by'inyongera kugirango hamenyekane neza ko nta lead iri mu mazi. Ku bindi bisobanuro, sura **daytonohio.gov/ServiceLineCompliance**. Niba ufite ibibazo by'inyongera, nyamuneka hamagara **SLCP@daytonohio.gov**

**Murakoze ku bwitabire bwanyu. Uruhare rwanyu ni igice cy'ingenzi ku kugera ku ntego y'umushinga.**

Murakoze

Michael Powell
Umuyobozi mukuru, Ishami rishinzwe amazi mu mujyi wa Dayton

---

DAYTON | CITY OF DAYTON water one source
320 W Monument Ave, Dayton, OH 45402
(937) 333-3725
daytonohio.gov/ServiceLineCompliance